RWANDA POLYTECHNIC

P O Box 164, Kigali
Address: KK 15 Road, Kigali
Website: www.rp.ac.rw
Email: info@rp.ac.rw

# ITANGAZO RYO KONGERA IGIHE CYO GUSABA KWIGA

Ishuri Rikuru ry'u Rwanda ry'Imyuga n' Ubumenyingiro (Rwanda Polytechnic) riramenyesha abifuza gusaba kwiga muri za IPRCs arizo: IPRC Kigali, IPRC Ngoma, IPRC Karongi, IPRC Huye, IPRC Tumba, IPRC Musanze, IPRC Gishari na IPRC Kitabi mu mwaka w'amashuri 2021/2022 ko bongerewe igihe cyo gusaba kwiga. Abanyeshuri bacikanwe bitewe n'imbogamizi zo gukosoza ibyagombwa muri NESA na NIDA baramenyeshwa ko gusaba ishuri bikorwa mu buryo bw'ikoranabuhanga ku rubuga: *https://application.rp.ac.rw* bikazakorwa guhera tariki ya **28/01/2022**_kugeza tariki ya **31/01/2022**. Usaba kwiga agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ufite **"email"** ikora neza kandi yibuka neza ijambo ry'ibanga (password)
2. Kwishyura Frw 5000 adasubizwa kuri COGEBANK ukoresheje nomero wahawe na system ya Rwanda Polytechnic cyangwa ukoresheje Mobile Money, ugakanda *662*800*1# aho bakubaza code wandikemo RP ubundi ugakurikiza amabwiriza.
3. Kopi y'Indangamuntu kandi amazina agomba kuba ahuye nayo ku mpamyabumenyi yawe ( Diplome ya Secondaire).
4. Kuba afite: a) Impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye kubarangije mbere ya 2019. Abarangije guhera 2019 kugeza 2021, hazarebwa amanota yatanzwe na NESA.

   b) Kuba yaratsinze neza kandi afite nibura amasomo 2 afitemo "Two Principal Passes" afitanye isano n'ibyo ashaka kuziga muri IPRCs,

Ku bindi bisobanuro mwasoma "Student Handbook" iri ku rubuga "**www.rp.ac.rw**" cyangwa imbuga za IPRCs.

**Icyitonderwa**: ***Kugira ngo ubusabe bwawe bugire agaciro, amazina ari ku ndangamuntu agomba kuba ahuye nayo ku mpamyabumenyi yawe y'amashuri yisumbuye. Mugihe bidahuye, urasabwa kubanza kubikosoza mbere muri NESA cyangwa NIDA mbere yo gusaba ishuri.*** Nomero wakoresheje mu kwishyura no gusaba umwanya muri Rwanda Polytechnic ninayo uzakoresha usaba inguzanyo yo kwiga itangwa n'Ikigo cya Leta Gishinzwe amashuri makuru (High Education Council / HEC). Ku bindi bisobanuro, mwatwandikira kuri email: admission@rp.ac.rw cg mugahamagara kuri numero zikurikira: IPRC KIGALI (0788690794), IPRC MUSANZE (0783170961), IPRC TUMBA (0788544647), IPRC KARONGI (0788794931), IPRC KITABI (0788292379), IPRC HUYE (0789060370), IPRC NGOMA (0788899791), IPRC GISHARI (0784040463) naho kuri RP Head OfficeTel: 0783794985, 0787471825 mu minsi y'akazi.

**Bikorewe Kigali, Kuwa 28/01/2022**
**Ubuyobozi bwa Rwanda Polytechnic**